# Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup

## A. Amategeko / Laws / Lois

**N° 25/2013 ryo kuwa 10/05/2013**
Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere y'ubuvumvu mu Rwanda……………………….3
**N° 25/2013 of 10/05/2013**
Law determining the organization and functioning of beekeeping in Rwanda……………......3
**N° 25/2013 du 10/05/2013**
Loi déterminant l'organisation et le fonctionnement de l'apiculture au Rwanda……………..3

**N° 26/2013 ryo kuwa 10/05/2013**
Itegeko rishyiraho Urwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo..........................................14
**N° 26/2013 of 10/05/2013**
Law establishing the District Administration Security Support Organ (DASSO) and determining its responsibilities, organization and functioning...............................................14
**N° 26/2013 du 10/05/2013**
Loi portant création de l'organe d'appui à l'administration du District pour le maintien de la sécurité (DASSO) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement...14

**N° 28/2013 ryo kuwa 24/05/2013**
Itegeko ryemerera kwemeza burundu Amasezerano y'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba agamije guhuza Politiki y'Ububanyi n'Amahanga, yemerejwe Arusha, muri Tanzaniya, kuwa 03 Ukuboza 2010…………………………………………………….22
**N° 28/2013 of 24/05/2013**
Law authorising the ratification of the East African Community Protocol on Foreign Policy Coordination, adopted in Arusha, in Tanzania, on 03 December 2010……………………...22
**N° 28/2013 du 24/05/2013**
Loi autorisant la ratification du Protocole de la Communauté des Etats de l'Afrique de l'Est sur la Coordination de la Politique Etrangère, adopté à Arusha, en Tanzanie, le 03 décembre 2010…………………………………………………………………………………..22

**Nº 29/2013 ryo kuwa 24/05/2013**
Itegeko ryemerera kwemeza burundu Amasezerano y'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba yerekeye ubufatanye mu bya gisirikare yashyiriweho umukono Arusha muri Tanzaniya kuwa 28 Mata 2012…………………………………………………………26
**Nº 29/2013 of 24/05/2013**
Law authorizing ratification of the East African Community Protocol on Cooperation in defence affairs signed in Arusha, Tanzania, on 28 April 2012………………………………26
**N° 29/2013 du 24/05/2013**
Loi autorisant la ratification du Protocole de la Communauté des Etats de l'Afrique de l'Est relatif à la Coopération en matière de défense signé à Arusha en Tanzanie, le 28 avril 2012…………………………………………………………………………………..26

**N° 37/2013 ryo kuwa 16/06/2013**
Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu…………………………………………..30
**N° 37/2013 of 16/06/2013**
Law modifying and complementing Law n 27/2010 of 19/06/2010 relating to Elections as modified and complemented to date………………………………………………………30
**N° 37/2013 du 16/06/2013**
Loi modifiant et complétant la Loi n° 27/2010 du 19/06/2010 relative aux Elections telle que modifiée et complétée à ce jour…………………………………………………………30

**N° 38/2013 ryo kuwa 16/06/2013**
Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°31/2005 ryo kuwa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu..........................................................................................................................65
**N° 38/2013 of16/06/2013**
Law modifying and complementing Law n°31/2005 of 24/12/2005 relating to the organization and functioning of National Electoral Commission as modified and complemented to date………………………………………………………………..65
**N° 38/2013 du 16/06/2013**
Loi modifiant et complétant la Loi n°31/2005 du 24/12/2005 portant organisation et fonctionnement de la Commission Nationale Electorale telle que modifiée et complétée à ce jour…………………………………………………………………………………65

***B. <u>Iteka rya Minisitiri w'Intebe/ Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre</u>***

**N° 159/03 ryo kuwa 05/07/2013**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inshingano, imbonerahamwe n'incamake y'imyanya y'imirimo bya Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango…………………...72
**N° 159/03 of 05/07/2013**
Prime Minister's Order determining the mission, functions, organisational structure and summary of job positions of the Ministry of Gender and Family Promotion………………..72
**N° 159/03 du 05/07/2013**
Arrêté du Premier Ministre portant mission, fonctions, structure organisationnelle et synthèse des emplois du Ministère du genre et de la promotion de la famille…………………………72

**ITEGEKO N° 25/2013 RYO KUWA 10/05/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE Y'UBUVUMVU MU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Imirimo ikorwa mu buvumvu**

**Ingingo ya 3 : Ibisobanuro by'amagambo**

**IMUTWE WA II : GUCUNGA NO GUTEZA IMBERE UBUVUMVU**

**Ingingo ya 4: Imicungire n'imigenzurire by'ubuvumvu**

**Ingingo ya 5 : Ihuriro ry'abavumvu**

**UMUTWE WA III: KUBUNGABUNGA UMUTUNGO UKOMOKA KU BUVUMVU**

**Ingingo ya 6: Aho umuvumvu yagika imizinga**

**Ingingo ya 7: Kwimura uruvumvu**

**Ingingo ya 8 : Gufata irumbo ry'inzuki**

**Ingingo ya 9 : Uburenganzira ku mutungo**

**LAW N° 25/2013 OF 10/05/2013 DETERMINING THE ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF BEEKEEPING IN RWANDA**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this law**

**Article 2: Beekeeping activities**

**Article 3: Definitions of terms**

**CHAPTER II: MANAGEMENT AND DEVELOPMENT OF BEEKEEPING**

**Article 4: Management and supervision of the beekeeping**

**Article 5: Union of beekeepers**

**CHAPTER III : CONSERVATION OF BEEKEEPING RESOURCES**

**Article 6 : Place where a beekeeper places hives**

**Article 7 : Relocation of an apiary**

**Article 8: Capturing a colony of bees**

**Article 9: Right of ownership**

**LOI N° 25/2013 DU 10/05/2013 DETERMINANT L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DE L'APICULTURE AU RWANDA**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2 : Activités apicoles**

**Article 3 : Définitions des termes**

**CHAPITRE II : GESTION ET DEVELOPPEMENT DE L'APICULTURE**

**Article 4: Gestion et supervision de la filière apicole**

**Article 5 : Union des apiculteurs**

**CHAPITRE III : CONSERVATION DES RESSOURCES APICOLES**

**Article 6 : Lieu de pose des ruches par l'apiculteur**

**Article 7: Déménagement d'un rucher**

**Article 8 : Capture d'une colonie d'abeilles**

**Article 9 : Droit de propriété**

**Ingingo ya 10 : Uburenganzira ku ruco ry'inzuki**

**Ingingo ya 11: Gutakaza uburenganzira ku mutungo bwite**

**UMUTWE WA IV: ISUKU N'IBIBUJIJWE MU BUVUMVU**

**Ingingo ya 12 : Isuku**

**Ingingo ya 13 : Imikoreshereze y'imiti ihumanya mu buvumvu**

**Ingingo ya 14 : Ibikoreshwa mu guhakura**

**Ingingo ya 15: Isenywa ry'irumbo ry'inzuki**

**Ingingo ya 16 : Kwamburwa icyangombwa cy'ubuvumvu no gutakaza uburenganzira bwo gukora umwuga**

**Ingingo ya 17 : Kuregera icyemezo utishimiye**

**UMUTWE WA V : INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 18 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**Ingingo ya 19 : Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 20: Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

**Article 10: Right to a swarm of bees**

**Article 11: Loss of the right of ownership**

**CHAPTER IV: HYGIENE AND PROHIBITIONS IN BEEKEEPING**

**Article 12: Hygiene**

**Article 13: Modalities for the use of toxic substances in beekeeping**

**Article 14: Honey harvesting equipment**

**Article 15: Destruction of a colony of bees**

**Article 16: Withdrawal of beekeeper's certificate or loss of the right to practice the beekeeping profession**

**Article 17: Appeal against a decision**

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**Article 18: Drafting, consideration and adoption of this law**

**Article 19: Repealing provision**

**Article 20 : Commencement**

**Article 10 : Droit sur un essaim d'abeilles**

**Article 11 : Perte du droit de propriété**

**CHAPITRE IV : HYGIENE ET INTERDICTIONS EN APICULTURE**

**Article 12: Hygiène**

**Article 13: Modalités d'utilisation des substances toxiques dans l'apiculture**

**Article 14 : Matériel pour la récolte du miel**

**Article 15: Destruction d'une colonie d'abeilles**

**Article 16: Retrait du certificat d'apiculteur ou perte du droit d'exercer la profession d'apiculture**

**Article 17: Recours contre la décision**

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 18 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 19 : Disposition abrogatoire**

**Article 20 : Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N° 25/2013 RYO KUWA 10/05/2013 RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE Y'UBUVUMVU MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 25 Gashyantare 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu cyane mu ngingo zaryo iya 49, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga N° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko Teka ryo kuwa 26/07/1910 rigena imitunganyirize n'icuruzwa ry'ibiribwa;

Ishingiye ku Itegeko n° 43/2006 ryo kuwa 05/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo

**LAW N° 25/2013 OF 10/05/2013 DETERMINING THE ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF BEEKEEPING IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 25 February 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of environment in Rwanda;

Pursuant to Decree-Law of 26/07/1910 relating to the manufacture and trade in foodstuffs;

Pursuant to Law n° 43/2006 of 05/102006 determining the responsibilities, organization and functioning of

**LOI N° 25/2013 DU 10/05/2013 DETERMINANT L'ORGANISATION ET LE FONCTIONNEMENT DE L'APICULTURE AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 25 février 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 et 201;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Vu le Décret-Loi du 26/07/1910 relatif à la fabrication et au commerce des denrées alimentaires ;

Vu la Loi n° 43/2006 du 05/10/2006 déterminant les attributions, l'organisation et le fonctionnement de

cy'Igihugu cy'Ubuziranenge (RBS).

Ishingiye ku Itegeko n° 38/2010 ryo kuwa 25/11/2010 rishyiraho ikigo gishinzwe iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda (RAB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Ishingiye ku Itegeko n° 39/2010 ryo kuwa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Ishingiye ku Itegeko nº 54/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko n°30/2012 ryo kuwa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi;

**YEMEJE :**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere y'ubuvumvu mu Rwanda**.**

**Ingingo ya 2: Imirimo ikorwa mu buvumvu**

Imirimo y'ingenzi ikorwa mu buvumvu ni iyi ikurikira:

Rwanda Bureau of Standards (RBS);

Pursuant to Law n° 38/2010 of 25/11/2010 establishing Rwanda Agriculture Board (RAB) and determining its responsibilities, organization and functioning;

Pursuant to Law n° 39/2010 of 25/11/2010 establishing National Agricutural Export Development Board (NAEB) and determining its responsibilities, organization and functioning;

Pursuant to Law nº 54/2008 of 10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious diseases of domestic animals in Rwanda;

Pursuant to Law n° 30/2012 of 01/08/2012 Governing on agrochemicals;

**ADOPTS :**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law shall determine the organization and functioning of the beekeeping in Rwanda.

**Article 2: Beekeeping activities**

The beekeeping main activities shall be the following:

l'Office Rwandais de Normalisation (RBS);

Vu la Loi n° 38/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office Rwandais de Développement Agricole (RAB) et déterminant ses attributions, organisation et fonctionnement;

Vu la Loi n° 39/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement;

Vu la Loi nº 54/2008 du 10/09/2008 portant règlement de la police sanitaire des animaux domestiques au Rwanda;

Vu la Loi n° 30/2012 du 01/08/2012 portant utilisation des produits agrochimiques ;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine l'organisation et le fonctionnement de l'apiculture au Rwanda.

**Article 2 : Activités apicoles**

Les principales activités apicoles sont les suivantes :

1° kwagika;

2° guhakura;

3° gutunganya no gucuruza ibikomoka ku nzuki.

**<u>Ingingo ya 3</u> : Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

**1° igishashara**: imvubura inzuki zifashisha mu gukora udukono tw'ubuki n'ibyari byazo;

**2° insinda**: igice cy'intanga ngabo y'ibihingwa iba mu ndabo inzuki zitara ituma habaho kubangurirwa kw'indabo inzuki zikayikoresha nk'ibiribwa nyubakamubiri;

**3° irumbo ry'inzuki** : inzuki nyinshi ziri hamwe mu muzinga cyangwa hanze yawo;

**4° kwagika:** igikorwa cyo gushyira imizinga ahantu hateguwe kugira ngo inzuki zororokeremo;

**5° ubuvumvu:** umwuga w'ubworozi bw'inzuki bugamije kuzibyaza umusaruro;

**6° umuvumvu** : umuntu worora inzuki agamije umusaruro ;

1° beehiving;

2° honey harvesting;

3° processing and marketing of other beekeeping products.

**<u>Article 3</u>: Definitions of terms**

Under this Law, the following terms shall have the meanings:

**1° wax:** substances secreted from bee glands by means of which bees make honeycombs and their nests;

**2° pollen:** male reproductive element of plants found in flower stamens collected by bees that allows fertilization of ovum in flowers and used by bees as growth food;

**3° colony of bees**: family of bees inside or outside of a hive;

**4° beehiving**: placing hives in a maintained location for bees to reproduce;

**5° beekeeping**: raising of bees for their rational exploitation;

**6° beekeeper**: person who engages in bee breeding for a production;

1° la pose des ruches ;

2° la récolte du miel ;

3° le traitement et la commercialisation des produits apicoles.

**<u>Article 3</u> : Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

**1° cire :** substances secrétées par les abeilles à l'aide desquelles les abeilles fabriquent les rayons à miel et leurs nids;

**2° pollen**: élément reproducteur mâle des plantes contenu sur les étamines des fleurs récolté par les abeilles permettant la fécondation de l'ovule dans une fleur et utilisé par les abeilles comme aliment de croissance;

**3° colonie d'abeilles**: famille d'abeilles à l'intérieur ou à l'extérieur d'une ruche ;

**4° pose des ruches :** fait de placer les ruches dans un endroit aménagé pour que les abeilles puissent s'y reproduire;

**5° apiculture:** élevage des abeilles en vue de leur exploitation rationnelle **;**

**6° apiculteur**: personne qui pratique l'élevage des abeilles en vue de réaliser une production;

7° **umuzinga** : igikoresho umuvumvu yororeramo inzuki ;
8° **uruco :** igice cy'irumbo ryimutse mu muzinga bitewe n'uko havutse urundi rwiru;

9° **urucumbu**: amarirangenge y'ibiti inzuki zifashisha mu gusana no kurinda umuzinga;

10° **uruvumvu** : imizinga myinshi yagitse hamwe hagamijwe ubworozi bw'inzuki;

11° **uruyuki :** agakoko gato kaguruka gakora ubuki;

12° **urwiru** : uruyuki rumwe rukumbi mu muzinga rubyara izindi ;

**IMUTWE WA II : GUCUNGA NO GUTEZA IMBERE UBUVUMVU**

**Ingingo ya 4 : Imicungire n'imigenzurire by'ubuvumvu**

Ubuvumvu bucungwa kandi bukagenzurwa na Minisiteri ifite ubworozi bw'inzuki mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 5 : Ihuriro ry'abavumvu**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo ihuriro ry'abavumvu rijyaho**.**

7° **hive**: artificial structure in which the beekeeper raises bees;
8° **swarm**: part of the population of a colony leaving the hive when a new queen is born in the existing hive;

9° **propolis**: resinous substance derived from trees and used by bees to restore and protect the hive;

10° **apiary:** several hives placed in the same location as part of beekeeping activity;

11° **bee**: small flying insect that makes honey;

12° **queen**: the only reproductive female bee in a hive;

**CHAPTER II: MANAGEMENT AND DEVELOPMENT OF BEEKEEPING**

**Article 4: Management and supervision of the beekeeping**

The beekeeping shall be managed and supervised by the Ministry in charge of beekeeping.

**Article 5: Union of beekeepers**

A Prime Minister's Order shall determine modalities for establishment of the Union of Beekeepers.

7° **ruche**: structure artificielle dans laquelle l'apiculteur pratique l'élevage des abeilles;
8° **essaim**: une partie de la population d'un essaim quittant la ruche avec la naissance d'une nouvelle reine;

9° **propolis** : substance résineuse tirée des arbres dont les abeilles se servent pour réhabiliter et protéger la ruche ;

10° **rucher :** plusieurs ruches placées au même endroit dans le cadre d'une exploitation apicole;
11° **abeille** : petit insecte volant qui fabrique du miel ;

12° **reine**: l'unique abeille femelle reproductrice dans une ruche;

**CHAPITRE II : GESTION ET DEVELOPPEMENT DE L'APICULTURE**

**Article 4 : Gestion et supervision de l'apiculture**

L'apiculture est gérée et supervisée par le Ministère ayant l'apiculture dans ses attributions.

**Article 5 : Union des apiculteurs**

Un Arrêté du Premier Ministre définit les modalités de création de l'Union des apiculteurs.

**UMUTWE WA III: KUBUNGABUNGA UMUTUNGO UKOMOKA KU BUVUMVU**

**Ingingo ya 6: Aho umuvumvu yagika imizinga**

Umuvumvu yorora inzuki hakurikijwe amabwiriza abigenga ashyirwaho na Minisitiri ufite ubworozi bw'inzuki mu nshingano ze.

**Ingingo ya 7: Kwimura uruvumvu n'imizinga**

Iyo serivisi y'ubworozi bw'inzuki ishinzwe igenzura isanze hari imizinga yagitswe mu buryo bunyuranyije n'amabwiriza ateganywa mu ngingo ya 6 y'iri tegeko, isaba ko nyir'imizinga ayimura akayagika hakurikijwe amategeko.

**Ingingo ya 8 : Gufata irumbo ry'inzuki**

Iyo hari irumbo ry'inzuki riri ahantu hatari mu muzinga, inzego zibishinzwe zirarifata zikariwushyiramo.

Ku mpamvu z'umutekano w'abantu n'ibintu, iyo serivisi y'ubworozi bw'inzuki isanze hari irumbo ry'inzuki riri ahantu hatari mu muzinga, irarifata ikaryimurira mu muzinga wabugenewe.

**Ingingo ya 9: Uburenganzira ku mutungo**

Umuzinga, irumbo ry'inzuki, uruco kimwe n'ibikomoka ku nzuki ni umutungo bwite w'umuvumvu.

**CHAPTER III : CONSERVATION OF BEEKEEPING RESOURCES**

**Article 6 : Place where a beekeeper places hives**

The beekeeper shall raise bees according to relevant standards that are determined by instructions of the Minister in charge of beekeeping.

**Article 7 : Relocation of an apiary and hives**

Where beekeeping service in charge of inspection finds that hives are placed contrary to the provisions of Article 6 of this Law, it shall require the owner thereof to place them in accordance with the Law.

**Article 8: Capturing a colony**

Where a colony of bees settled in a place other than a hive shall be captured by the relevant authorities and be placed in a hive.

Where, for the purposes of ensuring the safety of persons and property, the service in charge of beekeeping finds that a colony of bees is settled in a place other than a hive, it shall capture it and place it in an appropriate hive.

**Article 9: Right of ownership**

Hives, colonies, swarms and beekeeping products shall be the beekeeper's private property.

**CHAPITRE III : CONSERVATION DES RESSOURCES APICOLES**

**Article 6 : Lieu de pose des ruches par l'apiculteur**

L'apiculteur pratique l'élevage des abeilles conformément aux normes en la matière définies par les instructions du Ministre ayant l'apiculture dans ses attributions.

**Article 7: Déménagement d'un rucher et des ruches**

Lorsque le service d'inspection apicole constate qu'il y a des ruches posées contrairement aux dispositions de l'article 6 de la présente loi, il demande au propriétaire de ces ruches de les poser conformément à la loi.

**Article 8 : Capture d'une colonie**

Une colonie d'abeilles installée dans un endroit autre qu'une ruche est capturée par les instances concernées qui la placer dans une ruche.

Lorsque, aux fins d'assurer la sécurité des personnes et des biens, le service chargé de l'apiculture constate qu'il y a une colonie d'abeilles installée dans un endroit autre qu'une ruche, il le capture et le place dans une ruche appropriée.

**Article 9 : Droit de propriété**

Les ruches, les colonies, les essaims ainsi que les produits apicoles constituent la propriété privée de l'apiculteur.

**Ingingo ya 10: Uburenganzira ku ruco**

Iyo uruco rw'inzuki rugiye ku muturanyi, nyiraryo afite uburenganzira bwo kurukurikira no kurufata.

Uruco rw'inzuki rudafite urukurikiranye mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ruba urw'uwarufashe bwa mbere.

**Ingingo ya 11: Gutakaza uburenganzira ku mutungo bwite**

Nyir'irumbo ry'inzuki atakaza uburenganzira kuri iryo rumbo iyo ryimukiye mu rundi ruvumvu rurimo inzuki z'undi muvumvu.

Icyakora, iyo umuvumvu wakiriye iryo rumbo yagize uruhare mu iyimuka ryaryo, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibyubahirizwa.

**UMUTWE WA IV: ISUKU N'IBIBUJIJWE MU BUVUMVU**

**Ingingo ya 12: Isuku**

Umuvumvu agomba kwita ku isuku y'imizinga, iy'ibikoresho, iy'umusaruro w'ubuki n'iy'umubiri we mu gihe cyose ari mu mirimo y'ubuvumvu.

Iteka rya Minisitiri ufite ubworozi bw'inzuki mu nshingano ze rigena ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye muri iyi ngingo.

**Article 10: Right to a swarm**

When a colony of bees leaves a hive and lands at the neighbor's, the owner reserves the right to chase and capture it.

After thirty (30) days, a colony of bees that is not chased by anyone shall belong to the person who captured it first.

**Article 11: Loss of the right of ownership**

An owner of a colony of bees shall lose ownership of a swarm that migrates to another occupied apiary belonging to another beekeeper.

However, if the new owner of the swarm has contributed to the migration, the provisions of Paragraph One of this Article shall not apply.

**CHAPTER IV: HYGIENE AND PROHIBITIONS IN BEEKEEPING**

**Article 12: Hygiene**

A beekeeper must ensure the hygiene of hives, equipment, honey production and personal hygiene whenever engaged in beekeeping activities.

An Order of the Minister in charge of beekeeping shall determine modalities for the enforcement of the provisions of this Article.

**Article 10 : Droit sur un essaim**

Lorsqu'une colonie d'abeilles sort d'une ruche et se pose chez le voisin, le propriétaire a le droit de le poursuivre et le capturer.

Après trente (30) jours, une colonie d'abeilles qui n'est poursuivie par personne appartient à celui qui la capturé le premier.

**Article 11 : Perte du droit de propriété**

Le propriétaire d'une colonie d'abeille perd son droit de propriété sur cet essaim lorsque celui-ci migre vers un autre rucher habité appartenant à un autre apiculteur.

Toutefois, si le nouvel acquéreur de l'essaim a joué un rôle dans cette migration, il n'est pas fait application des dispositions de l'alinéa premier du présent article.

**CHAPITRE IV : HYGIENE ET INTERDICTIONS EN APICULTURE**

**Article 12: Hygiène**

L'apiculteur doit veiller à l'hygiène de ses ruches, de son équipement, de la production de miel et à son hygiène corporelle chaque fois qu'il est engagé dans les activités apicoles.

Un arrêté du Ministre ayant l'apiculture dans ses attributions détermine les modalités d'application des dispositions du présent article.

**Ingingo ya 13: Imikoreshereze y'imiti mu buvumvu**

Iteka rya Minisitiri ufite ubworozi bw'inzuki mu nshingano ze rigena imikoreshereze y'imiti ihumanya ikoreshwa mu buhinzi rikanagena kandi uburyo bwo kwirinda ubwandu mu mirimo y'ubuvumvu.

**Ingingo ya 14 : Ibikoreshwa mu guhakura**

Mu gihe cyo guhakura, umuvumvu ategetswe gukoresha ibikoresho byabugenewe bigenwa n'amabwiriza ya Minisitiri ufite ubworozi bw' inzuki mu nshingano ze.

**Ingingo ya 15 : Isenywa ry'irumbo ry'inzuki**

Serivisi y'ubworozi ifata icyemezo cyo gusenya irumbo ry'inzuki cyangwa uruco ry'inzuki mu gihe no mu buryo igena iyo:

1° irumbo ry'inzuki ririmo udukoko tugoye kurwanywa;

2° irumbo cyangwa uruco rw'inzuki bishobora kugira ingaruka ndakumirwa ku baturage;

3° irumbo cyangwa ahantu hari inzuki hatitaweho cyangwa hatagikoreshwa;

**4°** irumbo rirwaye cyangwa inzuki zapfuye.

**Article 13: Modalities for the use of toxic substances in beekeeping**

An Order of the Minister in charge of beekeeping shall determine modalities for the use of toxic substances employed in agriculture and for the prevention of contamination in beekeeping activities.

**Article 14: Honey harvesting equipment**

The beekeeper, when harvesting honey, shall be bound to use appropriate equipment that are determined by instructions of the Minister in charge of beekeeping.

**Article 15: Destruction of a colony of bees**

The beekeeping service shall order the destruction of a colony or a swarm of bees at such times and in such manner determined by it if:

1° the colony of bees is infected with pathogens difficult to treat;

2° the colony or swarm of bees may cause inevitable damage to the population;

3° the colony of bees or the place where bees are raised is neglected or abandoned;

4° the colony consists of sick or dead bees.

**Article 13: Modalités d'utilisation des substances toxiques dans l'apiculture**

Un arrêté du Ministre ayant l'apiculture dans ses attributions détermine les modalités d'utilisation des substances toxiques utilisées dans l'agriculture ainsi que les modalités de prévention de la contamination dans les activités apicoles.

**Article 14 : Matériel pour la récolte du miel**

L'apiculteur est, lors de la récolte du miel, tenu d'utiliser le matériel approprié défini par les instructions du Ministre ayant l'apiculture dans ses attributions.

**Article 15: Destruction d'une colonie d'abeilles**

Le service d'apiculture décide de la destruction d'une colonie ou d'un essaim d'abeilles selon les délais et modalités qu'il fixe lorsque:

1° la colonie d'abeilles est infectée par des agents pathogènes difficiles à soigner ;

2° la colonie ou l'essaim d'abeilles peut causer des dommages inévitables à la population ;

3° la colonie d'abeilles ou le lieu où les abeilles sont élevés est négligé ou abandonné ;

4° la colonie d'abeilles comprend les abeilles mortes ou malades.

**Ingingo ya 16: Guhabwa icyangombwa cy'ubuvumvu, kucyamburwa no gutakaza uburenganzira bwo gukora umwuga**

Gutanga icyangombwa cy'ubuvumvu, kucyambura umuvumvu wese utubahirije ibiteganywa muri iri tegeko kimwe no gutakaza uburenganzira yari afite bwo gukora uwo mwuga, bikurikiza amabwiriza ya Minisitiri ufite ubworozi bw'inzuki mu nshingano ze.

**Ingingo ya 17 : Kuregera icyemezo utishimiye**

Iyo umuvumvu atishimiye kimwe cyangwa byinshi mu byemezo bivugwa mu ngingo ya 15 n'iya 16 z'iri tegeko, ashobora kuregera urwego rwisumbuye mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) uhereye igihe igihe yamenyesherejwe icyemezo.

**UMUTWE WA V : INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 18 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 19 : Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 16: Granting, withdrawal of beekeeper's certificate and loss of the right to practice the beekeeping profession**

Granting certificate, its withdrawal from any beekeeper who contravenes the provisions of this Law as well as the loss of the right to practice this profession, shall be determined by instructions of the Minister in responsible for beekeeping.

**Article 17: Appeal against a decision**

When a beekeeper is not satisfied with one or more decisions provided under Articles 15 and 16 of this Law may appeal to the higher-level organ within ten (10) days from the time he/she has been notified on.

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 19: Repealing provision**

All prior legal provisions inconsistent with this law are hereby repealed.

**Article 16: Octroi, retrait du certificat d'apiculteur et perte du droit d'exercer la profession d'apiculture**

L'octroi du certificat d'apiculteur, son retrait à tout apiculteur qui viole les dispositions de la présente loi ainsi que la perte du droit d'exercice de cette profession, sont définis par les instructions du Ministre ayant l'apiculture dans ses attributions.

**Article 17: Recours contre une décision**

Lorsqu'un apiculteur n'est pas satisfait de l'une ou plusieurs des décisions visées aux articles 15 et 16 de la présente loi, elle peut faire recours devant l'organe d'échelon supérieur dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours à partir du moment ou il a été notifié.

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 18 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 19 : Disposition abrogatoire**

Toutes dispositions antérieures contraires aux dispositions de la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 20 : Igihe itegeko ritangirira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.
Kigali, kuwa **10/05/2013**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 20: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.
Kigali, on **10/05/2013**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic of Rwanda:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice / Attorney General

**Article 20 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Kigali, le **10/05/2013**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr HABUMUREMYI Pierre Damien**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

**ITEGEKO N° 26/2013 RYO KUWA 10/05/2013 RISHYIRAHO URWEGO RWUNGANIRA UBUYOBOZI BW'AKARERE MU GUCUNGA UMUTEKANO (DASSO) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYARWO**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Urwego rureberera DASSO**

**UMUTWE WA II : INSHINGANZO ZA DASSO**

**Ingingo ya 3: Inshingano za DASSO**

**UMUTWE WA III : IMITERERE, IMIKORERE N'IMIKORANIRE BYA DASSO N'IZINDI NZEGO**

**Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'abagize DASSO**

**Ingingo ya 5: Imiterere n'imikorere bya DASSO n'ibigenerwa abayigize**

**Ingingo ya 6 : Imikoranire ya DASSO n'izindi nzego**


**LAW N° 26/2013 OF 10/05/2013 ESTABLISHING THE DISTRICT ADMINISTRATION SECURITY SUPPORT ORGAN (DASSO) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Authority supervising DASSO**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF DASSO**

**Article 3: Responsibilities of DASSO**

**CHAPTER III : ORGANISATION AND FUNCTIONING OF DASSO AS WELL AS ITS COLLABORATION WITH OTHER ORGANS**

**Article 4: Recruitment of DASSO members**

**Article 5: Organization and functioning of DASSO and remuneration of its members**

**Article 6: Collaboration between DASSO and other organs**


**LOI N° 26/2013 DU 10/05/2013 PORTANT CREATION DE L'ORGANE D'APPUI A L'ADMINISTRATION DU DISTRICT POUR LE MAINTIEN DE LA SECURITE (DASSO) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**TABLE DES MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2 : Organe de tutelle du DASSO**

**CHAPITRE II : ATTRIBUTIONS DU DASSO**

**Article 3 : Attributions du DASSO**

**CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU DASSO AINSI QUE SA COLLABORATION AVEC D'AUTRES ORGANES**

**Article 4: Recrutement des membres du DASSO**

**Article 5: Organisation et fonctionnement du DASSO et rémunération de ses membres**

**Article 6: Collaboration entre DASSO et d'autres organes**

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA IV: AMAHUGURWA, IGENZURA N'IHUZABIKORWA** | **CHAPITRE IV: TRAINING, SUPERVISION AND COORDINATION** | **CHAPITRE IV: FORMATION, SUPERVISION ET COORDINATION** |
| **Ingingo ya 7: Amahugurwa y'abagize DASSO** | **Article 7: Training of DASSO members** | **Article 7: Formation des membres du DASSO** |
| **Ingingo ya 8: Igenzura n'ihuzabikorwa bya DASSO** | **Article 8: DASSO supervision and coordination** | **Article 8: Supervision et coordination du DASSO** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPITRE IV: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 9 : Igihe cy'inzibacyuho** | **Article 9: Transitional period** | **Article 9 : Période transitoire** |
| **Ingingo ya 10 : Umutungo wa "Local Defence"** | **Article 10: Property of Local Defence** | **Article 10 : Patrimoine du « Local Defence »** |
| **Ingingo ya 11: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko** | **Article 11: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 11: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 12: Repealing of the Law and inconsistent provisions** | **Article 12: Abrogation de la loi et des dispositions légales contraires à la présente loi** |
| **Ingingo ya 13 : Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 13: Commencement** | **Article 13: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°26/2013 RYO KUWA 10/05/2013 RISHYIRAHO URWEGO RWUNGANIRA UBUYOBOZI BW'AKARERE MU GUCUNGA UMUTEKANO (DASSO) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYARWO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 06 Ugushyingo 2012 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 14 Werurwe 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 113, iya 167**,** iya 169 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko ngenga nº 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigenga Inzego z'Imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**LAW N°26/2013 OF 10/05/2013 ESTABLISHING THE DISTRICT ADMINISTRATION SECURITY SUPPORT ORGAN (DASSO) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 06 November 2012;

The Senate, in its session of 14 March 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles, 62, 66, 67, 88, 89, 90**,** 92, 93, 95, 108, 113, 167, 169 and 201;

Pursuant to Organic Law nº 29/2005 of 31/12/2005 establishing the administrative entities of the Republic of Rwanda as modified and complemented to date;

**LOI N°26/2013 DU 10/05/2013 PORTANT CREATION DE L'ORGANE D'APPUI A L'ADMINISTRATION DU DISTRICT POUR LE MAINTIEN DE LA SECURITE (DASSO) ET DETERMINANT SES ATTRIBUTIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, Paul KAGAME,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députes, en sa séance du 06 novembre 2012;

Le Senat, en sa séance du 14 mars 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 167, 169 et 201;

Vu la Loi Organique n° 29/2005 du 31/12/2005, portant organisation des entités administratives de la République du Rwanda telle que modifiée et complétée à ce jour;

Ishingiye ku Itegeko n° 33/2009 ryo kuwa 18/11/2009 ryerekeye Intwaro;

Ishingiye ku Itegeko n° 46/2010 ryo kuwa 14/12/2010 rigena ububasha, inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Polisi y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 7 n'iya 8;

Isubiye ku Itegeko nº 25/2004 ryo kuwa 19/11/2004 rishyiraho kandi rigena imitunganyirize n'imikorere by'urwego rw'abaturage rushinzwe gufasha gucunga umutekano " Local Defence";

**YEMEJE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Urwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano rwitwa "DASSO" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Iri tegeko kandi rigena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Urwego rureberera DASSO**

DASSO irebererwa na Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo.

Pursuant to Law n° 33/2009 of 18/11/2009 relating to arms;

Pursuant to Law n° 46/2010 of 14/12/2010 determining the powers, responsibilities, organization and functioning of the National Police, especially in Articles 6, 7 and 8;

Having reviewed Law n° 25/2004 of 19/11/2004 establishing and determining the organization and functioning of the local service in charge of assisting in maintenance of security referred to as "Local Defence";

**ADOPTS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Law**

This Law establishes District administration security support organ, abbreviated as "DASSO". This Law also determines its responsibilities, organization and functioning.

**<u>Article 2</u>: Authority supervising DASSO**

DASSO shall be supervised by the Ministry in charge of Local Government.

Vu la Loi n° 33/2009 du 18/11/2009 portant régime des armes;

Vu la Loi n° 46/2010 du 14/12/2010 déterminant les pouvoirs, attributions, organisation et fonctionnement de la Police Nationale, spécialement en ses articles 6, 7 et 8;

Revu la Loi nº 25/2004 du 19/11/2004 portant création, organisation et fonctionnement du service local chargé d'assister le maintien de la sécurité " Local Defence";

**ADOPTE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création de l'organe d'appui à l'administration locale dans le maintien de la sécurité dénommée «DASSO» en sigle anglais. Elle détermine également ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

**<u>Article 2</u> : Organe de tutelle du DASSO**

DASSO est placé sous la tutelle du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions.

**UMUTWE WA II: INSHINGANZO ZA DASSO**

**Ingingo ya 3: Inshingano za DASSO**

Inshingano z'ingenzi za DASSO ni izi zikurikira:

1° gufasha ubuyobozi bw'Akarere gushyira mu bikorwa ibyemezo n'amabwiriza bwafashe ku bijyanye n'umutekano;

2° gufatanya n'izindi nzego gucunga umutekano rusange mu Karere;

3° gufata umuntu wese ufatiwe mu cyuho ahungabanya umutekano, agahita ashyikirizwa polisi iri hafi;

4° kumenyesha inzego z'ubuyobozi zimwegereye ikintu cyose abona ko gishobora guhungabanya umutekano;

5° gufasha izindi nzego zishinzwe umutekano mu gihe bibaye ngombwa;

6° gufatanya n'izindi nzego mu gukumira no kurwanya ibiza mu Karere.

**UMUTWE WA III: IMITERERE, IMIKORERE N'IMIKORANIRE BYA DASSO N'IZINDI NZEGO**

**Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'abagize DASSO**

Abagize DASSO bashyirwaho n'Inama Njyanama y'Akarere binyuze mu ipiganwa kandi hubahirijwe

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF DASSO**

**Article 3: Responsibilities of DASSO**

DASSO shall have the following main responsibilities :

1° to support District authorities to enforce their decisions and instructions that were taken in connection with security;

2° to collaborate with other organs to ensure public order in the District;

3° to arrest any person caught red-handed in the act of disruption of public order and take him/her to the nearest police station ;

4° to inform the nearest administrative organs of anything which in its opinion represents a threat to safety;

5° to assist other security organs if necessary;

6° to collaborate with other organs in the prevention and control of disasters in the District.

**CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF DASSO AS WELL AS ITS COLLABORATION WITH OTHER ORGANS**

**Article 4: Recruitment of DASSO members**

DASSO members shall be recruited by the District Council through a recruitment test and in accordance

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU DASSO**

**Article 3: Attributions du DASSO**

Les attributions principales du DASSO sont les suivantes:

1° appuyer les autorités du District dans la mise en application de leurs décisions et instructions en rapport avec la sécurité;

2° collaborer avec d'autres organes pour assurer l'ordre public dans le District;

3° arrêter toute personne prise en flagrant délit de trouble de l'ordre public et la remettre à la station de police la plus proche;

4° informer les organes administratifs les plus proches de tout ce qui, à ses yeux, constitue une menace à la sécurité;

5° assister d'autres organes de sécurité en cas de besoin;

6° assister d'autres organes dans la prévention et la lutte contre les catastrophes dans le District.

**CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU DASSO AINSI QUE SA COLLABORATION AVEC D'AUTRES ORGANES**

**Article 4: Recrutement des membres du DASSO**

Les membres du DASSO sont recrutés par le Conseil du District au moyen d'un test de recrutement et

ibisabwa na sitati yihariye igenga DASSO.

Umubare w'abagize DASSO mu Karere ugenwa n'Inama Njyanama y'Akarere ishingiye ku bushobozi bwako.

**Ingingo ya 5: Imiterere n'imikorere bya DASSO n'ibigenerwa abayigize**

Imiterere n'imikorere bya DASSO n'ibigenerwa abayigize bigenwa na Sitati yihariye ishyirwaho n'Iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 6: Imikoranire ya DASSO n'izindi nzego**

DASSO ikorana n'izindi nzego kugira ngo ibashe kurangiza neza inshingano zayo.

**UMUTWE WA IV: AMAHUGURWA, IGENZURA N'IHUZABIKORWA**

**Ingingo ya 7: Amahugurwa y'abagize DASSO**

Mbere yo gutangira imirimo yabo n'igihe cyose bibaye ngombwa, abagize DASSO bahabwa amahugurwa kugira ngo bongererwe ubushobozi n'ubumenyi mu bijyanye n'inshingano zabo.

Amahugurwa agenerwa abagize DASSO ategurwa n'Ubuyobozi bw'Akarere bakoreramo bufatanyije na Polisi y'u Rwanda.

with requirements provided under the special statutes for DASSO.

